RUANDA-URUNDI
SERVICE DES A.I.M.O.

IMPAMVU

...yá mu Bihugu by'Abongereza.-

Usumbura, le 20 Novembre 1954.-
N° 2II/7742/3.097

Urwandiko rubimenyesha Bwana:
-Ugenzura ibituruka mu bindi bihugu uba Usumbura (Douanes)
-Utegeka Abazungu b'Inka uba Usumbura musaba kubimenyesha Abaganga b'Inka bose
-Résident w'Uburundi i-Kitega.
-Administrateur wa Territoire ya Ruhengeri

Ruhengeri
1293

Kuli Bwana Résident wa Urwanda
i
KIGALI

Ndakumenyesha ko ibyerekeye kujyana inka i Buganda rwihishwa byategetswe bitya dufatanije n'Abategetsi bi Buganda

I/ Buli nka izalizo zose, zikomoka muli Ruanda-Urundi zinjiye mu gihugu cy'Abaganda nta rwandiko rwa Muganga w'Inka, zizagarurwa muli Rwanda-Urundi.-Leta yi Buganda izananiza abajyana inka batyo kubulyo bgose buyishobokeye guhera ku ntangiliro y'umupaka kugeza kwiherezo lyawo. Leta ya Ruanda-Urundi nayo izabigenza ityo kunka zose ziturutse mu Bihugu by'Abongereza.

2/ Niba izo nka zitarwaye kandi abazisholeye (benezo) bafite urwandiko rwa Muganga w'Inka, Abategetsi babongereza naba Biligi ntibaza zibuza guhita aliko kereka niba:
i) Nyirazo yimukiye rwose mu Bihugu by'Abongereza.-
ii)Zisanga uwo ababyeyi be bazilaze kandi atuye mu Bihugu by'Abongereza cyanga zararaswe utuye ino mu Rwanda-Urundi.-
iii) Zijyanywe no gukwa hilya y'Umupaka.-

Hashobora kuzaboneka izindi mpamvu zerekana ko izo nka zikwiliye kugenda kandi izo mpamvu zizashobora kugenzurwa neza basanga ali ukuli zikagenda. Izi mpamvu zivuzwe hejuru aha sizo zizashobora kwemerwa zonyine.

3/ Ntamafranga azakwa ku nka zizagenda kubulyo bgavuzwe ku n° 2.-

Mugomba kuzabgira abatware ba Intara naba Imisozi mu nama yabo itaha ko:
a) Inka zizava ino ntarwandiko rwa Muganga w'Inka zizagarurwa ino.
b) Umuturage wese ushaka kujyana inka i Buganda afite imwe mu mpamvu zivuzwe ku n° 2 agomba kuzabyaka Administrateur wabo na Administrateur azigenzurira amavo n'amavuko yuwo muntu no kumenya neza niba koko aliwe nyilizo nka koko -Administrateur yarangiza akamenyesha Muganga w'Inka niba urwandiko rw'inzira rw'Izo nka rushobora gutangwa.-

LE VICE-GOUVERNEUR GENERAL,f.f.
Gouverneur du Ruanda-Urundi,-
Sé): A. CLAEYS BOUUAERT.-